



URUKIKO RWISUMBUYE
RWA RUSIZI

ICYEMEZO N° 00018/2021/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na rimwe, umunsi wa 10 w'ukwezi kwa 06;

Twebwe **RUGANZU Obed**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na **GATERA NYAKAGABO Charles**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru Rukiko uwitwa **HATEGEKIMANA Pièrre**, icyaha guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe , icyaha cyo gukubita no gukomeretsa ku bushake n'icyaha cyo kwanga kwitaba ubugenzacyaha ,ibyaha biteganywa kandi bigahanishwa Itegeko n° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange;

Tumaze kubona ko uwitwa **HATEGEKIMANA Pièrre** mwene SHUMBUSHO Venerand na ITANGISHAKA Josephine wabarizwaga mu mudugudu wa Ruhana, Akagari ka Gakenke, Umurenge wa Rangiro, Akarere ka Nyamasheke mu Ntara y'lburengerazuna, ubu akurikiranywe nk'uwihishe cyangwa uwatorotse Ubutabera, kandi ari ngombwa ko uru rubanza ruburanishwa;

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **HATEGEKIMANA Pièrre** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **21/09/2021** saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'lkirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi nk'urukiko rwategetse iki cyemezo.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.


RUGANZU Obed
UMUCAMANZA




GATERA NYAKAGABO Charles
UMWANDITSI